**REPUBLIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA RIGENEWE ABITABIRIYE INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU IRANGIZWA RY'IMANZA N'IZINDI NYANDIKOMPESHA**

***MINIJUST*, 25/05/2018**

Ba Nyakubahwa Bayobozi mu Nzego za Leta no mu Nzego z'Abikorera mwitabiriye ubutumire bwacu;

Mbanje kubasuhuza,

Duteraniye hano twese kugira ngo dusuzumire hamwe uburyo irangizwa ry'imanza n'izindi nyandikompesha byarushaho gukorwa neza.

Minisiteri y'Ubutabera ishimishwa cyane no kubona ibibazo bigaragara mu irangizwa ry'Imanza, mu icunga, ikodesha n'igurisha ry'ingwate, ibirebana no kuzahura ubucuruzi no gucunga igihombo, ibirebana n'igenagaciro ku mitungo yimukanwa n'itimukanwa, bibonwa kandi bigatekerezwaho n'inzego zitandukanye. Kuba izi nzego rero zibibona kandi zikarazwa ishinga no kubishakira ibisubizo, ni umusanzu ntagereranywa kuri Minisiteri y'Ubutabera nka Minisiteri ibazwa buri munsi ibirebana n'itangwa

ry'ubutabera. Ni iby'igiciro rero kuba duhuriye hano dufite intego imwe yo kurandura burundu ibibazo biboneka mu myuga maze kuvuga.

Mu gihe cyahise kitari kirekire umuco wo kubahiriza ibyemezo mpesha wari uri hasi cyane ndetse no kubirangiza ku gahato byari ku kigero gito cyane. Abishyuzwa bashakaga inzira zo kutishyura cyangwa kwambura ahanini bakabibona bifashishije amategeko n'inkiko, politiki, guhisha, guhunga n'izindi nzira. ibi byabangamiraga bikomeye ubutabera, kugurizanya no kwishyurana. Ikizere mu gucururiza mu Rwanda cyari hasi cyane. Banki zarahombye, abatsinzwe banga kwishyura, ubwishyu barabugabana.

Uyu munsi uwo muco biragaragara ko umaze gucogora. Hakoreshejwe imbaraga nyinshi mu mategeko, mu nkiko, mu mabanki, mu bwanditsi bw'amasosiyete n'ingwate, mu butaka, muri politiki n'ahandi. Ubu abanyarwanda muri rusange bazi ko ufite umwenda agomba kuwishyura atabikora ubwishyu bukavanwa mubye.

Hamaze kuvuka ariko ubundi bwoko bw'iki kibazo bujynye n'uburyo butaboneye ibikorwa byo kwishyuza imyenda no kurangiza imanza bikoranwa. Haravugwa ruswa n'ibyaha biyishamikiyeho birimo cyane cyane ubufatanye bwa bamwe mu bagurisha mu cyamunara, abaguzi, banki, abahesha b'inkiko, abagurisha ingwate, abavoka, abagenagaciro, abakomisiyoneri n'abandi bagamije kwegukana imitungo igurishwa ku biciro biri munsi y'ibikwiye.

Ba Nyakubahwa muteraniye hano,

Ibi ni ibibazo bitagifite umwanya mu gihugu cyacu, tugomba kubyamagana, tukabirwanya bigacika.

Kubera ko ibibazo bigaragara muri uyu mwuga turi bubirebere hamwe mu biganiro byateguwe, simbivugaho cyane ahubwo ndagira ngo muri iyi nama tuze kwibanda ku

isesengurwa rya buri kibazo, ingaruka gitera, haba mu bukungu, ku miyoborere, ku mibereho myiza y'abaturarwanda n'ibindi ndetse n'uruhare rwa buri wese wicaye aha.

Hashyizweho amategeko n'inzego ariko haracyagaragara ibibazo. Ibibazo bigaragara mu mategeko bishobora gutanga ibyuho byanyuzwamo uburiganya twiteguye kubisuzuma vuba bigatungana.

Minisiteri yo ibona ibibazo bikunze kugaragara, bizakurwaho nuko buri wese ugira uruhare mu irangizwa ry'imanza n'izindi nyandikompesha yumvise neza akamaro ko kubikora mu buryo bunoze kandi bwihuse.

Ntekereza ko iyi ari inama idasanzwe kuko harimo bamwe mu batumirwa duhuye ari ubwa mbere kugira ngo twige ku bibazo nk'ibi. Ndasaba ko uyu munsi tubwira abo bose bahindanya ibikorwa byo kurangiza imanza n'inyandikompesha, bagahombya abishyuzwa, bagatesha umutungo agaciro, bakaburizamo ubutabera, bagahungabanya ubukungu n'icyizere abashoramari bafitiye u Rwanda ko twabahagurukiye, ko badashobora kuturusha imbaraga, ko bagomba kubireka, inzira zikigendwa naho ubundi ko bategerejwe n'ingaruka zikomeye.

Mwese mbifurije kugubwa neza muri iyi nama kandi mbashishikariza kuyitangamo ibitekerezo bizatuma mu minsi itari myinshi tuzaba tutacyumva na busa ibibazo.

***Mugire amahoro y'Imana!***